

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA PEREZIDA W'URUKIKO RW'IKIRENGA MU  
MUHANGO WO KURAHIZA ABACAMANZA B'INKIKO Z'IBANZE**

*Kigali, ku wa 13 Ukuboza 2019*

1. Banyakubahwa mugize Inama Nkuru y'Ubucamanza, bacamanza mumaze kurahira n'abaje babaherekeje, mbanje kubasuhuza. Mwaramutse!
2. Nyuma y'aho mutsindiye amapiganwa yateguwe, Inama Nkuru y'Ubucamanza yateranye mu cyumweru gishize yemeje ko mushyirwa mu myanya mwatsindiye. Turabashimira imbaraga, ubushake n'ubushobozi mwagaragaje mutsinda ibizamini, twizeye ko ari byo muzakomeza kugaragaza mu nshingano nshya mumaze kurahirira.
3. Uyu mwanya, si uwo kubibutsa ko inshingano ibategereje ari uguca imanza. Ibyo musanzwe mubizi. Gusa, icyo nababwira ni uko guca imanza no kuzandika bifite uko bikorwa. Bishingira ku mategeko no ku mahame mbonezamwuga. Nk'uko biri mu mategeko atandukanye, ikintu cya mbere umucamanza ashingiraho aca urubanza ni itegeko. Ntabwo yarishingiraho atarizi. Murasabwa kugira umuhate mu kumenya amategeko akoreshwa, mukayasesengura kugira ngo mugire imyumvire nyayo kuri yo. Ibyo bizabafasha mu gukoresha itegeko rijyanye n'ikibazo umucamanza ashaka gukemura. Si ibyo gusa, hari no kureba uko inkiko cyane cyane inkuru, zagiye zica imanza zigafata umurongo ku kibazo runaka. Muri bashya mu mwuga w'ubucamanza, ibyo mudasobanukiwe, muge mubaza bagenzi banyu babarusha ubunararibonye, mukore ubushakashatsi, ibikoresho byo kwifashisha muzabihabwa.
4. Muzazirikane ko guca urubanza bisaba ubushishozi bwo ku rwego rwo hejuru. Umucamanza agomba gusesengura neza ikibazo agiye gukemura, agatekereza ku ngaruka zishobora guterwa n'urubanza haba ku muryango nyarwanda no ku baburanyi ubwabo, akareba niba koko urwo rubanza rutanga ubutabera. Guca urubanza no gutanga ubutabera bigomba kugendera hamwe iteka.
5. Umucamanza asabwa kurangwa n'imyitwarire yihariye mu kazi k'ubucamanza kugira ngo we ubwe, urukiko akoramo n'Urwego rw'Ubucamanza bigire isura nziza. Ku ikubitiro umucamanza agomba kugira ubwigenge muri we, agafata ikemezo ashingiye ku mategeko, akabikorana ubushishozi n'umutimanama. Muzirinde icyo ari cyo cyose cyatuma mufata ikemezo kidakwiye kirimo no kugurisha umutimanama wanyu. Igikunze kuvugwa cyane ni ruswa. Ibibi byayo ku Gihugu no ku bantu ku giti cyabo murabizi. Imwe mu ntego Urwego rw'Ubucamanza rwihaye mu kurwanya ruswa, ni “*zero tolerance*”, uzishora mu ngeso mbi zo kuyaka, kuyisaba no kuyakira

amenye ko atazatinda muri aka kazi. Uretse no gufatirwa ibihano byo mu rwego rw'akazi, harimo no gukurikiranwa n'izindi nzego zibifitiye ububasha, kandi ibihano ku mucamanza wahamwe n'icyaha cya ruswa biraremeye ugereraniye n'abandi.

6. Ikindi musabwa, ni ukuba inyangamugayo no kurangwa n'imyifatire iboneye, mukirinda icyatuma ababuranyi na rubanda babatakariza ikizere mwebwe ubwanyu, bikagera n'aho bagitakariza Urwego rw'Ubucamanza. Iyi myifatire, igomba kubaranga haba mu gihe muri mu kazi na nyuma y'akazi. Igihe umuntu akiri umucamanza, hari uko ategetswe kwitwara no kwifata, kabone n'ubwo byaba mu byo abandi bafata nk'ubuzima bwite bwa muntu. Imyitwarire ituma umucamanza atakarizwa ikizere ntabwo ari ruswa gusa, hari ubusinzi no kwiyandarika mu buryo butandukanye, n'ibindi.
7. Inkiko z'ibanze ni zo nkiko nyinshi dufite mu Gihugu, ni na zo zegereye abaturage kurusha izindi hakurikijwe ububasha bwazo bushingiye ku ifasi. Muzirikane rero ko, uko umucamanza mu rukiko rw'ibanze agaragara, ni byo biba indorerwamo y'ubutabera mu gace urukiko akoreramo ruherereyemo. Birumvikana ko iyo hagize ibitagenda neza mu rukiko rumwe, iyo sura ihabwa n'abandi bacamanza bo mu zindi nkiko.
8. Muzaharanire kandi guhora mwiungura ubumenyi. Ibyo bifite inyungu nyinshi haba ku Rwego rw'Ubucamanza, haba no ku mucamanza ubwe, kuko bituma hacibwa imanza zinoze ndetse bigatuma n'ibyo umucamanza yakoze bihabwa agaciro. Ubu, hari uburyo butandukanye mwakwifashisha mwongera ubumenyi, byaba ari amahugurwa y'igihe gito, ndetse n'amasomo y'igihe kirekire. Muzirikane kandi ko ubu, akazi k'inkiko gashingiye ku ikoreshwa ry'ikoranabuhanga, muzahabwa amahugurwa y'ibanze ku ikoreshwa rya IECMS. icyo nababwira ni uko nta banga igira, ibyo muzakora mutinze cyangwa mu buryo butanoze izajya ibagaragaza.
9. Reka nsoreze hano iri jambo, mbifuriye akazi keza no gusoza neza umwaka wa 2019 neza, no gutangira ukurikira wa 2020 mu mahoro.

Murakoze.